Kigali, le 27/4/1981

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
K I G A L I

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkurikije ibaruwa yanyu n° 689/12.00 yo kuwa 27 Mata 1981, munsaba gusobanura impamvu ntaje ku muganda kuwa gatandatu taliki 18/04/1981, Nyakubahwa Bwana Ministri ndabamenyesha ko kuva kuwa gatanu taliki 17/04/1981, nali ndwaye merewe nabi cyane kandi nali natumye Cypriani wo muli Bureau E.P.S. nongera gutuma Sidonia dukorana ko ndwaye munda ntashobora no kugenda ahantu hareshare. Lero nali mfite (Diarhée sanglante) kuburyo ntashoboraga nko kwihangana guhagarara na gato.

Bimenyeshejwe :

- Bwana Secrétaire Général muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino
  K I G A L I
- Bwana Directeur Général des Sports et Loisirs
  K I G A L I
- Bwana Gestionnaire muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino
  K I G A L I

Mme MUKAKABEJA Anne

Kigali, le 28/04/1981

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
K I G AL I

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Nkurikije ibaruwa yanyu n° 701/12.00 yo kuwa 27 Mata 1981, munsaba gusobanura impamvu ntaje mu muganda kuwa gatandatu taliki ya 18/04/1981, Nyakubahwa Bwana Ministri ndabamenyesha ko nali muli congé annuel kuva taliki ya 13/04/1981 kugeza kuwa 27/04/1981.

NYIRABIZIMANA Berthe.-

Bimenyeshejwe :

- Bwana Secrétaire Général
  muli Ministeri y'Urubyiruko
  n'Imikino
  K I G A L I
- Bwana Directeur Général des Sports
  et Laisirs
  K I G A L I
- Bwana Gestionnaire muli Ministeri
  y'Urubyiruko n'Imikino
  K I G A L I

Kigali, le 27/04/1981

Bwana Ministri w'Urubyiruko

n'Imikino

K I G A L I

Bwana Ministri,

Nkulikije ibaruwa n° 688/12.00 yo kuwa 27/Mata 1981 imbaza impamvu ntaje mu muganda wo kuwa Gatandatu taliki 18/04/1981, ndabamenyesha ko icyo gihe nali ndwaje umwana kandi nali natumye n'abantu babili igihe bagiye kuvuga impamvu zange uwahamagaraga aranga ngo umuntu niwe uzisobanulira impamvu, igihe nje ali kuwa mbere njya no kubivuga, kandi ndabamenyesha ko mu bishatse nabazanira impapuro zo kwa muganga namuvulijeho kuko yaterwaga inshinge.

Ndangije nizeye ko igisubizo cyange cyibanyura.

MUKAMANA Marie Jeanne.-

Bimenyeshejwe :

- Bwana Secrétaire Général muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino
  K I G A L I
- Bwana Directeur Général des Sports et Loisirs
  K I G A L I
- Bwana Gestionnaire muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino
  K I G A L I